



Amabwiriza yo gufata igipimo cya COVID-19 cy'ubwirinzi bw'umubiri gitanga igisubizo cyihuse

Intambwe ya 1: Tegura ibikoresho

Step 1: Prepare Material

Ushobora kugira Agapaki k'igipimo ka 1 cyangwa Agapaki k'igipimo ka mu gipfunyika ka 2 Kurikiza intambwe zikwiye hashingiwe ku gasanduku runaka wakiriye.

AGAPAKI K'IGIPIMO KA 1:

Test Set 1:

Fungura igipfunyika, kura mu gafuka agakoresho bapimisha COVID-19, agatiyo kujujwemo umuti wifashihwa mu gufata igipimo n'ipamba yifashihwa. Igihe witeguye gufata ikizami, fungura agafuka karimo ikarita ikoreshwa mu gufata ikizami cya Covid-19.



1 COVID-19 Test Card in Pouch



1 Empty Tube and 1 Sealed Solution




1 Swab

AGASANDUKU K'IGIPIMO KA 2:

Test Set 2:

Fungura agafuka, kura mu gafuka ikarita ikoreshwa mu gufata ikizami cya COVID-19, agatiyo karimo ubusa, ibisukika bifunze, n'agati kariho ipamba. Igihe witeguye gufata ikizami, fungura agafuka karimo ikarita ikoreshwa mu gufata ikizami cya COVID-19.



1 COVID-19 Test Card in Pouch



1 Pre Filled Tube



1 Swab

Intambwe ya 2: Gufata igipimo

Step 2: Collect Sample

A. Kura agati kariho ipamba mu gapfunyika kako, witonze ku buryo udakora ku mutwe w'agati kariho ipamba. Bika agapfunyika k'agati kariho ipamba kugira ngo uzagakoreshe ubutaha.

B. Injiza witonze umutwe w'agati kariho ipamba (muri rusange 1/2 kugera kuri 3/4 byako) mu mwenge w'izuru ryawe.

C. Ukomeje kandi gahoro kuba mu myenge y'amazuru uzengurutsa mu mpande z'amazuru nibura inshuro 5. Koresha nibura amasogonda 15 mu gufata igipimo kandi ukore ku buryo agati kariho ipamba kajyaho amatembabuzi yo mu zuru. Ukoresheje agati kamwe kariho ipamba, koresha uburyo bumwe bwo gufata igipimo mu wundi mwenge w'izuru. Kora ku buryo ukubisha mu myenge YOMBI y'amazuru AGATI KWAMWE KARIHO IPAMBA.



Right Nostril



Left Nostril

Intambwe ya 3: Fata igipimo



Step 3: Process Sample

A. Shyira agatiyo ku meza gahagaze maze ukarage agafuniko gafite ibara rya oranje kugira ngo ufungure agatiyo.

B. Injiza agati kariho ipamba mu gatiyo, koza umutwe w'agati kariho ipamba mu ndiba y'agatiyo, maze ukarage nibura inshuro 15.

C. Sunika impande z'agatiyo kugira ngo ukure amazi menshi bishoboka mu ipamba maze ukuremo agati kariho ipamba.

D. Funga agafuniko gafite ibara rya oranje, subiza agati kariho ipamba mu gapfunyika. Jugunya mu buryo bwizewe agati kariho ipamba n'agapfunyika.



Intambwe ya 4: Ongeraho igipimo

Step 4: Add Sample

Karaga kugira ngo ufungure agafuniko k'umweru k'agatiyo. Ongerera ibitonyanga 3 by'igipimo ahashyirwa ibipimo byafashwe by'ikarita ikoreshwa mu gufata ikizami cya COVID-19 Funga agafuniko k'umweru.



Intambwe ya 5: Tegereza iminota 15

Step 5: Wait 15 minutes


Tangira kubara igihe ukanda ku ibuto ya "Start Timer" kuri porogaramu, ukimara kongera igipimo ahashyirwa ibipimo byafashwe. Igisubizo kiboneka mu minota 15.



Intambwe ya 6: Soma igisubizo

Step 6: Read Results

Ibisubizo ntibigomba kuboneka nyuma y'iminota 30 (Igisubizo kigaragazwa cyongerewe ingano ku bwikube bwa 2x kugira ngo kosomeke neza)




Intambwe ya 7: Gusobanura ibisubizo by'ikizami

Step 7: Test Result Explanation

Igisubizo kigaragaza uwanduye:

Igisubizo kigaragaza UWANDUYE kigomba kwerekana ICYARIMWE umurongo wa C (IROZA RYERURUTSE) n' umurongo wa T (IROZA RYIRABURA). Igisubizo kigaragaza uwanduye kivuga ko virusi za COVID-19 zagaragaye kandi umuntu yanduye COVID-19. Abantu igipimo cyagaragaje ko banduye bagomba kwishyira mu kato no gushaka uko bakurikiranwa n'umuganga cyangwa utanga serivisi z'ubuzima kimwe no gufata ibindi bipimo no gutanga raporo z'ubuzima rusange bishobora kuba ngombwa.

Positive Result



Igisubizo kigaragaza utanduye:

Igisubizo cy'umuntu utanduye kizerekana umurongo wa C GUSA (IROZA RYERURUTSE). Igisubizo cy'umuntu utanduye kivuga ko nta virusi za COVID-19 zagaragaye kandi ko umuntu afatwa nk'utanduye COVID-19.

Negative Result



- Menya ko ibisubizo bigaragaza umuntu utanduye bidakuraho COVID-19
- Igihe igisubizo cyagaragaje ko utanduye: Komeza kubahiriza guhana intera, inama kandi ufate ingamba zo kwirinda. Gukeka ubwandu nibikomeza kandi/cyangwa ikizami cyawe cya mbere kikagaragaza ko utanduye, subiramo ikizami nyuma y'umunsi 1 n'2 kandi wisuzumishe k'uguha serivisi z'ubuzima cyangwa ikigo gishinzwe COVID-19 cy'aho utuye.

Intambwe ya 8: Jugunya ibikoresho bikoreshwa mu gupima

Step 8: Dispose of Test Kit

Nyuma yo kurangiza ikizami, jugunya ahashyirwa imyanda ibikoresho bikoreshwa mu gupima

See more at AnchoragePLNs.org

